

0243

K0143994

IDENTIFICATION : RSF 0243 K7 N° 48
DUREE : 60 minutes
QUALITE : Très bonne
TRANSMISSION : Radio R.T.L.M.
NOM DU TRANSCRIPTEUR : HAKIZIMANA Gaëtan
DATE DE TRANSCRIPTION : le 9/08/1999
NOM DU FICHER : RSF0243.WRI
DICTAPHONE : Model 2750-6 Serial N° 516527

P103/243A

FACE A:ORATEUR: KANTANO

LECTURE - 99-52-T
 PRES. EXH. P103/243A
 TENDERED ON 20.3.2002
 PW 43; Ruzindana

...ari ikajya muri cave igakoreramo, noneho ko n'abantu babona ko ihari bakayigarukamo.

Naho rero kubona abantu birirwa i Gitarama, basaba imyanya, babeshya; ubwo se barasaba imyanya bayisaba mu kihe gihugu? Niba Inkotanyi zikijyanye se, barasaba imyanya hehe? Ahubwo ibyiza ni uko bakata iya Mulindi, bakirukanka bakajya gusaba imyanya mu Nkotanyi. Naho ubundi se barajya i Gitarama, kwirirwa bahakwa, baterura abana ba ba Ministres, ngo bigende bite se? Barasaba se mu kihe gihugu? Batarwanira! Birumvikana rero yuko ibintu by'ubu, ibintu muri iki gihe birimo ububwa, abantu b'imbwa bajenjetse ni ukubigizayo, hanyuma noneho iki gihugu kikazaba koko icyo abakirwanirira, naho ubundi ntacyo byaba bimaze kwirirwa usaba imyanya, kwirirwa uvuga ngo ndi muri Guverinoma y'igihugu kitabaho, ubwo rero utakirwanirira ntacyo bimaze. Cyakora hagati aho ngaho, mu by'ukuri, burya ngo utabusya abwita ubumera; ndashimira ingabo z'u Rwanda. Ndashimira ingabo z'u Rwanda; haa... hari abantu batazi ibyo zikora! Hari abantu batazi ibyo zikora, ariko utazi ibyo zikora azaganire n'abantu bavuye ku Kicukiro Inyenzi zibagose, zishaka kubamarira muri ETO, ingabo z'u Rwanda zikarwana umuhenerezo, zikabashakira inzira mu masasu menshi cyane, zigakumira ibyo byihebe byashakaga kumara abantu, abapfa barapfa; ariko ingabo z'u Rwanda abo bantu zarabazanye, zirabambutsa, abenshi ubungubu bari i Butare, ndabona mugenzi wanjye Rwabuhungu Inosenti ugeze i Mbazi, wageze i Mbazi, ariko yavuye muri ayo masasu. Birumvikana rero ko iyo hataba ingabo z'u Rwanda, ntibari kuyikuramo, Inkotanyi zari kubamarira aho ngaho. Kandi harimwo abantu zashakaga cyane, ngo bita Interahamwe, ngo bita aba CDR, mu bantu bakomeye, zari zabagose zaba... zigiyeye kubamara, ariko ingabo z'u Rwanda zibarwanaho. Kandi nta kuntu ingabo z'u Rwanda zitakomeje zirwana kuri iki gihugu, na biriya Inkotanyi zivuga, zirata, zigira gute, ariko ingabo z'u Rwanda zirahari !

Ese, murabizi ukuntu Inkotanyi zarwaye; zaje zirukanka zije gufata uyu murwa mukuru wa Kigali. Zigenda zinyura inyuma y'ibirindiro by'ingabo z'u Rwanda, ingabo z'u Rwanda ahenshi zivayo koko zitarwanye, ariko ziza kurwana kuri uyu murwa mukuru. Nicyo cyatumye amasaha makumyabiri n'ane bavugaga, kandi koko bari bakoze ibi...ibishoboka byose, ibibunda byose bitunika byari bigenewe uyu muji, ariko umuji ntibawufata none amezi abiri arashize. Ubwo izo ngabo z'u Rwanda aho umuntu atazishima ni hehe? Aho umuntu atazishima ni he se? Hanyuma noneho za Kibungo n'iki, hose ingabo z'u Rwanda zagerageje kubi...kubererekerera ibyo byihebe, hanyuma rero bagenda bavuga ngo bafashe za Kibungo za hehe? Ariko se, dushyize mu gaciro, ubu ingabo z'u Rwanda, umunsi zahagurutse ziti: tugiye kureba izo ngegera muri Bwisige, koko murambwira ko muri Bwisige hari abasirikare b'Inkotanyi maganatanu? Murambwira koko muri Cyungo hari abasirikare b'Inkotanyi maganatanu? Murambwira yuko i Rukara hari abasirikare b'Inkotanyi barenga maganatandatu? Murambwira yuko i Murambi hari abasirikare b'Inkotanyi barenga igihumbi? Murambwira ko... abo bantu se, uwabanyura inyuma, abagiye mu Bugesera bazavayo ryari? Bazabona se ibiryo gihe ki? icyo bita rero "contre-offensive", Inkotanyi zikomeze zirate, ariko umunsi cyabaye, umunsi cyabaye iby'Inkotanyi, urebye bizaba birangiye kuko nta handi zizabona zinyura, ntabwo zizabona n'inzira izisubiza ku Murindi. Ubwo rero zikomeze zirate, ariko wirata yuko uzi ubwenge, uburushu... uburusha abandi ariko abandi nabo baba bafite ubwabo, kandi "utazi ubwenge ashima ubwe", ingabo z'u Rwanda nazo zifite ubwenge, Abanyarwanda bafite ubwenge, abahutu bafite ubwenge bwinshi, ku buryo rero kuvuga ngo ni ibicucu, ngo ubwo nturitsa ibintu bakiruka, ngo ubwo...ngo mvuga amagambo bagahunga, ngo ubwo ndi umunyabwenge ariko ni ukwibeshya cyane.

Maze rero abatari ba bwoba mukomere, abafite ubwoba mubushire, kukoo.. hein.. nta kizabatera ubwoba nko kugirango u Rwanda rwose yenda ruhungire muri Zayire, ubundi babashushubikanye babashyira Inkotanyi, noneho muboshye. Muboshye! Hanyuma se? Barabakura mu birindiro se, ko bazabagarura bababoshye, bazajya batumaho muri Zayire bati: "mutwoherereze naka kandi aboshye". Bazajya batumaho bati "mutwoherereze naka aboshye!" Aho muzahungira hose, muzahungira he se? Ubwo rero muze turwanire u Rwanda naho ibindi murimo ni amafuti, ni ubwoba bushingiye ku busa, ni "inconscience".

Mukomeze kumva radiyo yigenga, R.T.L.M. ivugira i Kigali, ubu ni saaa.. mbiri n'iminota mirongo iine.. oya, saa mbiri n'iminota mirongooo, hafi mirongo itanu, muri studio za blindé ya R.T.L.M. ivugira hano i Kigali.

Chanson....

... ndatekereza cyane bariya baturage ibihumbi magana n'amagana bateraniye muri i Ngara muri Tanzaniya, mwese mwese mwese turabatekereza bavandimwe, ntabwo tubibagirwa, gusa mwe kwifata mapfubyi ngo mwumve yuko Inkotanyi zigaruriye i gihugu byarangiye, mwigwe uburyo mwagaruka mu byanyu kuko ntabwo byumvikana; Inyenzi Inkotanyi zaragiye zirema udutsiko aho zahungiyeho hose, muri za mirongo itanu n'icyenda na nyuma yaho, noneho zitekereza zivuga ziti "mpaka tugaruke mu Rwanda ku ngufu byanze bikunze". Maze rero namwe mukunganye ingufu zanyu mugaruke mu byanyu byanze bikunze, ubu n'imyaka ireze, ibitoki i Kibungo ubu bireze, ibigori bitangiye kwera, ibishyimbo iki; ntabwo rero izo ngegera zishobora kubisarura zitarabihinze. Ntibishoboka, Ntibishoboka. Hagati aho hinga nsuhuze abanyamakuru ba radiyo Muhabura, radiyo mukeba ukomeye cyane, uriya mukeba rwose umeze nabi, radiyo mukeba rero banyamakuru ba Muhabura, ndabashuhuje, ni radiyo R.T.L.M. ibasuhuzwa, radiyo muhanganye cyane ku buryo bukomeye, ku buryo bukomeye cyane. Maze rero ibyo bihuha byanyu mukwiza mwirukanka muvuzwa induru, turabyumva arikoo tugomba kubiseka kandi tugomba no kubibeshyuzwa, hein! Tugomba no kubibeshyuzwa nta kundi bizagenda.

Maze rero, numvise uyu munsu mwazindutse munyikomye, munyikomye ngo... ngo naravuze ngo abahungu bajye babafata babice, yehein..hahahaha... murambeshyera mwumva nabi nk'abari mu bigunda koko, muri mu rutoki sinzi ahantu mwumvira, sinzi ahantu mwumvira huum.. ibitwi byuzuye amatwi, nako ibi, ibi.. ibitwi byuzuye amata ntibyumva. Ntabwo numva impamvu muvugaga ko navuze ko babica. Dore uko navuze rero kugirango mbasobanurire: nyewe nababwiye yuko, icyo navuze nemera, ni uko:

Icyo mbere: Uru Rwanda ni urw'Abanyarwanda, nta handi hari u Rwanda kuri iyi si. Ni uru Rwanda rero n'ubwo ari ruto rw'Abanyarwanda, rufite kilometero kare ibihumbi makumyabiri na bitandatu na maganatatu mirongo itatu na bitatu nabi.. nako maganatatu na mirongo itatu na bitandatu, ni urwo Rwanda ngurwo. Hagati muri Afurika. Ibihugu ruhana imbibi birazwi. Ni Uganda, Tanzaniya, Zaire n'u Burundi. Ni aho ngaho u Rwanda ruri nta handi, nta handi warushyira. Twe rero twitwa Abanyarwanda, ntituri Abagande, ntituri Abanyakenya, ntituri Aba..zungu. Uru Rwanda rero, ni urw'Abanyarwanda bagabanyijemo amoko atatu: Gahutu, Gatwa, Gatutsi, ng'uko uko imana yabashyizemo. Abo bantu rero nibo bagomba kubamo. Nta kuntu byumvikana yuko agatsiko k'abantu bigize ishyano ryose, bigize ibyihebe, baza ngo bafate igipande cy'aba cy'abantu ari nabo benshi, kabirukanemo noneho abo bantu bagende nk'i.. bagende nk'ibika bigiye mu.. nk'inka zigiyemo muu...mu..mumu... kera hakibaho ibyuzi by'inka bitaga "deeping tank", nuko bashorere nk'inka bajyanye mu ibagiro, maze abantu bagende bavugaga baseka ngo abo ngabo ni abantu. Abo bantu rero ndabagaya, ndagaya abantu bahunze umujyi wa Kigali, bataye ibintu byabo, nta mpamvu

n'imwe itumye bagenda. Abo bantu rero bahunze baringa ndabagaya. icyo navuze nemera ni uko; naravuze nti, nk'abacurikiranye n'abagore babo hariya muri za stade i Gitarama, barataye amazu yabo hano, ubu tukaba duhari, tugenda muri Kigali yacu, duhagaze kuri za bariyeri, tumaze neza; abagabo rero bacurikiranye n'abagore babo hariya kuri za stade, birirwa bameze nk'abafashe akazi k'ubuzamu ku mabaraza y'i Gitarama, birirwa za Murambi aho ngaho mu nsina na hehe hose. Naravuze nti abo si abagabo. Ndi umugore wabo nabaraza ku kibuno; ng'uko uko nababwiye. Kuko, none se nk'umugabo iyo abajije ati ese, iyo ba... nk'umugore iyo abajije umugabo we, ati: ese mugabo wanjye, ya nzu tumaze imyaka 30 twubaka ubu iriho nde? Iyo amushubije ko ntacyo azi se, ubwo uwo nguwo amufata nk'aho ari umugaboo, cyangwa se amufata ko ari umugore wundi bari kumwe wundi w'umugore? Abagabo rero ni abari ku byabo, ni abari kuri za bariyeri, ni abarimo barinda igihugu cyabo. Naho ba bwoba simbashaka simbakunda, abo ngabo shahu muzabijyanire muri Muhabura, mu muzabajyane rwose abo ngabo ntabwo mbakunda na gato, abantu ba bwoba rero sinavuze ngo babice ariko naravuze ngo byibuze umuntu ashoboye yamukubita, uretse ko navuze ko abasilikare batoroka urugamba, batoroka urugamba badashobora kurwanirira igihugu, abo ngabo, uretse ko baje no mu Nkotanyi mwabinovora, mukabica kuko ni ibibwa, ntacyo byabamarira mu Nkotanyi ibyo birumvikana; ariko rero nta n'icyo bamariye u Rwanda. Ni ukuvuga rero yuko aho basubira mu miryango yabo, ntibakwiye no kubaha icyo kurya, kuko ni.. ubwo bapfushije bahagaze: ababyeyi bababyaye babyariye ubusa. Umuntu udashobora kurwanira igihugu se! Ko wanga kumena amaraso uyamenera igihugu imbwa zikayanywera ubusa! None se! Mwebwe Nkotanyi ko muza mukayamena, mukamena amaraso, ubwo se umuntu adahagurutse ngo muje kurwana basi muyamene, ariko nashobora nawe amene ayanyu, murumva byagenda gute?

Ubwo rero ndakeka yuko Nkotanyi mugomba kumva ko, tugomba guhagurukira icyarimwe tukabarwanya. Naho rero Muhabura wowe utera ubwoba, ngo baturage ngo ntimwemere imbunda, ngo kuko ngo murumva ko ngo intambara yarahindutse, ngo murumva ko biturika noneho cyane!!! Ibyo ntacyo bivuze. Twebwe hano kuri R.T.L.M. turavuga duti ibyo biturika tumaze kubimenyera ibisasu turabisama, ibindi tukabyizibukira bigafata ubusa, ibyo rero ntabwo mushobora kuzabidukiza muri iki gihugu cyacu, mu Rwanda rwacu, ntibishoboka tuzahangana mpaka, tuzahangana kugeza ryari, ntabwo tuzava muri uyu muji kereka muje tukabiciramo, hanyuma noneho kugeza ku munota wa nyuma kugeza kuwa nyuma, kandi murabizi yuko umubare wanyu ni muke uretse kwirata n'ibintu biturika, ibyo rero ntabwo biduteye ubwoba, mwaduseneye inzu tuyya muri blindé, blindé na none murayishaka kuyisenya ariko ntibizashoboka, ubwo rero birumvikana y'uko tugihanganye banyamakuru rero ba Muhabura sinabura kubifuriza icyumweru cyiza musenga ariko mukibaza yuko amaraso mumenesha, amaraso mumenesha mugenda

mubwira abantu ngo nibice abo Bahutu, nibabafate ngo ni Interahamwe ngo ni bya CDR, ibyo bintu bizababar... bizababazwa, bizababazwa naho kwirirwa mwirata ngo radiyo R.T.L.M. iteranya abantu, nta bandi batumye ba..batu baha abatware b'Inkotanyi ngo zimare Abahutu, ni mwebwe abanyamakuru ba radiyo Muhabura, ibyo rero namwe muzabibazwa ntumukajye mwibwira ko, umunsi ibintu byagenza neza muza.. muzabura icyo mubazwa.

Nyuma kandi, ndakeka yuko mwari mukwiye kubwira bene wanyu yuko bamaze kubu...marisha. Abantu benshi, nta kintu na kimwe, ibibazo bya politiki mu Rwanda ntibizamarwa n'intambara, mugomba rero kwiyumvisha yuko mugomba kureka imirwano, mukicara hasi, hanyuma noneho tukareba ngo ibyo muvuga mwafashe uko bimeze, ibyo ari byo, hanyuma noneho tukareba uko twabisangira nta kubyikubira, naho ubundi nta gihugu cy'Abatutsi kizabaho, nta gihugu cy'Abahutu kizabaho, nta gihugu cy'Abatwa kizabaho, u Rwanda ni rumwe; kwibwira rero ngo mwarafashe mwarafashe mwarafashe se mwafashe iki? Ibyo byose tuzaza tubibambure nimukomeza kwigira ba kabutindi. Ubwo rero... huum, mbaye ndekeye aho ngaho kuyavuga si ukuyamara. Abahunga rero mwese radiyo Muhabura yabarengera yagira ite, njye ndakubwira yuko njye ntabwo mbashyigikiye na gato, nifuzaga yuko kuri za banyeri abantu bose bahunga babagarura i Kigali, tukarwana ku muji wacu tukarwana ku gihugu cyacu, ndetse na Guverinoma ikava hariya iri, ikaza i Kigali.

Hinga nsuhuze abantuuu... hahaa... aah uyu mubyeyi witwa Mukarempera Ewufaraziya, Mukarempera Ewufaraziya we aravuga ngo iki? Huum.. agomba kuba avuga ati Kantano, Kantano, ati rwose, ati kuki ubwira abantu ngo basahure; ntabwo mbabwira ngo basahure. Reka da! Usiga inyama ku ziko akayisanga aba atagira ababo. None se, uzasiga frigo, mu nzu, uhunze, utayifite se urimo urwanira iki gihugu, wagirango ntazayishi... ntazayifata akayii.. akayii.. a akaba akonjesha icyo kunywa? Huum! Byaba ngombwa ndetse akazayigumana. None se ni jye utuma abantu bahunga njye ko mbatera inkunga ngo ba be bareke guhunga! Nuhunga se, ibintu by'abahunze se nijye bazabibaza? Uzagira icyo asanga iwanjye azafate, ariko nzi yuko abantu bazabyiseriva! Kandi nyine ibyo birumvikana, ibyo birumvikana nicyo gihembo cy'ubwoba! Hahaa... Mukarempera rero Ewufaraziya uti ndamenyesha Nzabakurikiza Apolinari wavuki... wavuye i Gikondo yerekeza muri Nkuli gusura ababyeyi ko yakwihutira gutabara ibintu bye, biri i Gikondo kuko abari babisigayeho bose bahavuye. Yanyura i Nyamirambo akabaza uko amayira ameze. Ngaho da! Ubwo se nigeze ngera i Gikondo? None? Birumvikana rero yuko abantu baa ba babyiseriva !

... yashyaga hano muji wa Kigali, hanyuma nsanga ni iy'umugabo witwa Rucogoza Alphonse. Imwe yacururizagamo Kijyambere aho yacururizaga amayoga. Iyo nzu rero ya Rucogoza Alphonse

yahiye yishw... ya yatwitswe na bande? Yatwitswe na na na bwa mayibobo, dore ko muri uyu muji haje imfubyi, ibiki, abana batakaye bose birirwa birukanka mu isoko, twamenye yuko harimo n'utuntu tw'udukotanyi, nuko, ubwo rero iyo nzu bayitwitse irashya, iragurumana nta wamenya ukuntu byagenze, ariko bwa mayibobo nibwo bwari bwuzuyemo, ubwo rero wenda bwokeje ibijumba, bunywa urumogi, nta kundi inzu ya étage iba irahiye. Ng'uko uko byagenze rero ubwo Rucogoza Alphonse, haaa... ubwo ahari nta kundi nyine ni ukurira, ariko ni iby'isi. Ng'uko uko bimeze. Bon.

Ubwo ndakomeza ndeba uwo nguwo Premier Soldat Ruremesha Jean Damascène cyangwa Jean de D... Jean Damascène we aramenyeshya ababyeyi be babaga muri Kominee... Mugambazi, Birikunzira Joseph n'abe, na Danyeli ko bamumenyeshya aho bahungiyeye kugirango ashobore kubasura.

...pfubana, izahora izipfubana cyane cyane yuko ubungubu Inkotanyi ntabwo zizi ko ibintu byose byinshi byahindutse, byarahindutse cyaane cyanee, ibyo zibeshyaga byose ibyo zizeraga byose ziheraho byarapfuye byarashize byararimbutse nta kintu na kimwe zishobora guheraho kuko na biriya bibunda zigenda zituraguritsa bizavaho. Ndibuka hari aho nasomye mu bintu by'Inkotanyi, ukuntu zizagenda zikora ngo zifite naba ari zone O, O ngo igahereza A, A igahereza B, B igahereza C; ndakeka yuko na zone zero ntayo ntayo zisigaranye, A ntayo, B ntayo, C ntayo, ubwo rero Inkotanyi ziri kuri zeru zeru zeru, ya yindi zeru zeru ya zeru koko. Kwibwira rero yuko bazagerageza gukora za A na B na C na zero na E, ba... bamazeho Abahutu ni hahandi habo ntacyo bazageraho na kimwe ni ugukorera ubusa biriya byose bizabapfubana. Njye nabagira inama yo kwicara hasi, bakicara hasi, bakareba yuko hari utuntu twatoratoraa muri bya bindi bya Arusha noneho tukabaha, kuko, Inkotanyi zigerageje zakumva yuko iriya ntambara zirwana ari iy'ubusa. Ni iy'ubusa kuko, ntabwo warwana na n'Abanyarwanda bose ngo uzabashobore, uri agatsiko! Ntabwo, sinzi impamvu batabyumva. Mbere baratubeshyaga bati: turimo turarwana, n'akazu, turimo turarwana n'igitugu cya Habyarimana, none Habyarimana ntawe uriho. Bararwana n'igitugu cyande se? Bati mureke twirwanire n'Abakiga, n'ubundi banga Abatutsi, hanyuma noneho tuzaba tubabwira uko byagenze. Bati mwebwe Abanyenduga mwicecekere, ntacyo tubashakaho, turarwana na bariya Bakiga. Haa.. ubwo intambara iguma za Ruhengeri za Byumba, Inkotanyi zirica zirasogota zi...reka sinakubwira. Hanyuma noneho rimwe koko hari ababi.. hari ababyemeraga bakavuga bati twebwe Inkotanyi koko ni inshuti, zirimo zirica Abakiga ariko twebwe Abaganza, Abanyenduga ntacyo zidushakaho. Haa! yari amayeri nayo kandi mumaze noneho kuyamenyera. None se, Inkotanyi sibwo zahutse mu Baganza, ejobundi sibwo zahutse mu Banyenduga, sibwo zahutse mu Bage mu Bagesera mu Banyabugesera, sibwo zahutse mu baki

hose zikarimarima, ikitwa Umuhutu wese. Hanyuma se? Ubwo noneho se bazongera kubeshya iki abantu? Bati Abashi ahari nibo tu tutagira icyo dushakaho. Ibyo nabyo ni ukubeshya ni ukubeshya, kuko Twagiramungu Fawustini, alias Rukokoma, uriya Saruhara bagar... ba ba ba ba babitse hariya, sinzi aho bamubitse niba ari ku Murindi niba ari he? Uriya niwe ushyize iki gihugu cyose mu kaga. Twamaze no kumenya yukoo, yari yarateguye kwicisha Perezida wa Republika cyera mu kintu bita code yitwa "article à radier". "Article à radier" rero ibyo ni ibipapuro basatse iwe ejo bundi, none barabifata ibyo bintu byerekana yuko yagombaga kwica Perezida wa Republika biramuhama. Nihagire nibagire bazane inkiko mpuzamahanga ubundi tubacire urubanza, birya byihebe bijye mu buroko, cyangwa se babyice birangire yenda iki gihugu cyagira amahoro.

Hanyuma Inkotanyi rero nta bintu muri birya bisasu byazo ziroha hirya no hino... haa! Inkotanyi zaratikomye dore nk'ubu zatumye mu byerekeye umupira w'amaguru tutabona igikombe cya Afurika kandi twari tukiri hafi. Rayon Sport bavugaga ngo baranakunda batuma itagera ku gikombe. Arikooo... none dore bishe na arbitre, arbitre Akirimari bamwisha! Ni igitangaza Inkotanyi rwose ni ukuzivuma abakunda umupira mwese, kubera ko Akirimari ejo igisasu cyamuguyeho yigwi... yiyicariye iwe i Nyamirambo, none yapfuye. Ni igitangaza igisasu cy'inkotanyi cya katiyusha cyahise kimucamo kabiri, none Akirimari ibye byarangiyeye, Imana imuhe iruhuko ridashira. Ariko murabona yuko Inkotanyi n'umupira wacu n'ibintu byose mbese nta bintu na bikeya eh.. na bikeya zishaka, ni akumiro ni akumiro rwose bariya bantu ni abasazi.

Bo baravugaga ngo ndavugaga ngo, ngo muri Kigali ngo nibanywe urumogi ngo nitwinywere urumogi ngo dutegereze Inkotanyi; ariko ndakeka yuko, none se banyamakuru ba Muhabura ko munyikoma, mwebwe mwabwira, mwavugaga gute yuko Inkotanyi zitanywa urumogi, ufata ibisasu uraa... urasa hejuru y'abantu, uta aho ubonye, ugira ute, wica ba arbitres, wica abakinnyi b'umupira, wica ibiki... ubwo mwambwira yuko mwebwe mutara... mutari abasazi mwanyweye urumogi? Ibyo ari byo byose abagemura urumogi ahubwo nibarebe hose mu masaka bongere batugemurire tunywe ubundi dute.. dutegereze Inkotanyi nta kindi. Nta kindi nitumara kuzica tukazimara tuzareka, tuzareka nidushaka tuzajya, tuzajyaaa... kuu, muri za salle de désintoxication, tuzaza barutuvomemo ariko, hagati aho dutegereje Inkotanyi turunywe, basange twarubiye ubundi tubamare, niba ari cyo bategereje. Ubwo rero ntumundenganye kuba mvuga yuko abasarura urumogi bagemura hano amatoni n'amatonni tukanywa dutegereje Inkotanyi. Nta kundi kundi bigomba kugenda kuko, n'Inkotanyi nazo zarasaze ibyo aribyo byose nazo usanga zifite ibicupa bya lisansi zigenda zinywa, ibicupa bya kanyanga by'ibice byazisaziyeho byaboze, ariko

rero ibyo aribyo byose twebwe hano i Kigali tugomba kwinywera urumogi, tukarunywa tugasara, tugategereza Inkotanyi, maze tukazitsemba, nta kindi kindi. Kuvuga rero ngo tura... ngo ndabu... ngo ndabwira abantu kunywa urumogi... haa... ibyo ntacyo bitwaye. Ntacyo bitwaye kuko icyo umuntu aje yasaze nawe urasara, hanyuma noneho mugahura mugasekurana, niko bigomba kugenda. Ubwo rero shahu muzaze hanyuma murebe nyine ukuntu abana b'abahungu twagasomye tubagirira, tubagirira nabi cyane hanyuma mukicuza icyabazanye. Ubu rero navugaga yuko Akirimari atakiriho kubera igisasu cy'Inkotanyi, nta kuntu uriya mugabo yasifuraga neza, niyigendere!... Ajjajjajya...Hanyumaa.. uyu Kazimbaya, Kazimbaya abantu b'abasore baramuzi, hariya i Nyamirambo we arambwira ati usuhuzee umugore wanjyee, uri i Mushubati humu.. ati yitwa Kaba... Kabanyiginya Marie Grace, Kabanyiginya Marie Grace akaba ari i Mushubati, ih.. kwa Kontabure wa Matiyasi, hahaaa kwa Kontabule wa Matiyasi Kontabule mukomere aho ngaho i Mushubati. Ayayaya.... cyakora Kazimbaya ati mukuru wanjyee Butera we yitabye Imana, humu!.. Ni uko bimeze intambara ni kabutindi si igitangaza nyine, ubu ngubu ntako umuntu yagira.

Mazee... hari abahinde, hari abahinde banterefonnye, barambwira bati " Kantano wari ubizi se? Aaa basitupongali hapa! Yaaa.... hahaha! Ati kandi ni ukubera wowe na R.T.L.M. twumva cyane. Aha. Ntabwo nari mbizi! Ibyo ari byo byose mukomere, mukomere aba.. abakomeje ku..kuguma ino, mugahangana ibyo aribyo byosee nje ndumva neza neza, ndumva neza neza intambara iri hafi kurangira, kuko mu by'ukuri Inkotanyi ntabwo zakomeza kwigira akari aha kajya he, ngo zibwire ko zizigarurira u Rwanda ngo zirugumane kuko zimaze kubona ko, uretse n'imbaraga zazo zishira,kuko umuntu ibyo ari byo byose arananiirwa. Inkotanyi si ibitangaza! Kwirukanka uva za Kibungo wirukanka uza ujya za Bugesera ugira ute; urara mu biti ugira ute bakubujije amahwemo; nabyo biravuna. Birumvikana rero yuko Inkotanyi nazo zigeze aho gusohoka zikaba zigiye kwicara ku meza noneho tukaganira. Zaratwangirije ariko yenda, iby'isi ntawabishobora yenda tuzazibabarira, tuzazibabarira nta wamenya, ariko rero zaratangirije ibintu, ubuzima, iki, ibintu byose zaraduhemukiye bitabaho, bariya basazi rero yenda nje ndumva bari hafi gucururuka kuko, kukoo.. ahaa! Ariko ni ibanga nkunda kwi... gushaka kwiba ariko riba rivuye muri "Etat Major", ariko ngirano yenda mburire Inyenzi kugirango zi... zikuremo akazo karengwe. Kukooo... "Contre Offensive", itaza...iya... izaba iyobowe n'abarwanyi koko! "Contre offensive" ingabo z'u Rwanda zirimo zitegura, ye.. yo kujya gufataa.. kugera ku Rusumo. Iyo "contre offensive" izaba iyobowe n'abarwanyi koko. Abo barwanyi barimwo barategurwa mu ngabo z'u Rwanda abajenjetse babashyira ku ruhande. Iyo "contre offensive" izagwa Inyenzi nabi kuko zitazashobora kubona uko zisubira ku Murindi. Ubwo rero izizi ubwenge zaba zirimo zisubiraye kuko icyo "contre offensive" iteye ubwoba, mwibaze abasirikare bari imbere, abasivile babari inyuma n'imbunda, na grenade,

na zaa... n'ibisasu bindi bya kabutindi bishyashya, bishyashya, bishyashya, bishyashya... sinaba..mena ibanga arikoo bimwe narabirabutswe, ariko rero ndakeka yuko Inkotanyi ibyazo ubungubu biri hafi kurangira. Hanyuma hari abambwira bati udusuhuze natwe, uyu ni uwitwa, Philippe, Philippe wo mu Rugunga, kuri bariyeri ati nakomeye. Ati ariko rero.. ati rwose, ati, ati ubu turakomeye, ati ukomeze ugaye abantu bahunga kuko ni imbwa, ati abo bantu b'imbwa ntabwo tubakeneye; igihugu ki...kirimo abantu b' ibigwari gusa ntigishobora kubaho nta kundi byaba birangiye.

Hinga nsuhuze uwitwa Hatari, umusore Hatari uri ku Muhima, Eh Hatari rero komeza ube hatari kabisa, huhuum..., hanyuma noneho inkotanyi zisange nyine turi hatari. Hanyumaaa hari abantu bavuga bati: ariko, abantu bo muri Guverinoma baragiye,bazi imirimo badusize, badusigiye, bazi ko turi i Kigali yenda hari abari ku mazu, hari abari hehe, hari abazamu. Habe no kugirango bagaruke bavuge.....

FACE B:

Chanson.....